# Umwe muri mwe nahura n'umuvandimwe we ajye amusuhuza, nibatandukanywa n'igiti cyangwa se urukuta cyangwa se ibuye bakongera guhura ajye yongera amusuhuze

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umwe muri mwe nahura n'umuvandimwe we ajye amusuhuza, nibatandukanywa n'igiti cyangwa se urukuta cyangwa se ibuye bakongera guhura ajye yongera amusuhuze."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawudi]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashishikarije umuyisilamu kwifuriza umuvandimwe we w'umuyisilamu indamutso y'amahoro buri uko bahuye, n'igihe baba bari mu nzira bagenda, bagatandukanywa n'icyo ari cyo cyose nk'igiti cyangwa se urukuta cyangwa se ibuye rinini, bakongera guhura ajye amusuhuza nanone indamutso y'amahoro ku yindi nshuro.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee